



ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

UBUTUMWA BWA NYIRUBUTUNGANE PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAHORO WIZIHIZWA KU NCURO YA 54

Ku wa 01 Mutarama 2021

UMUCO WO KWITA KU BANDI NK'INZIRA IGANA KU MAHORO

Bavandimwe,

1. Mu ntangiriro z'uyu mwaka, ndasuhuza Abakuru b'ibihugu n'aba za Guverinoma, abayobozi b'imiryango mpuzamahanga, abayobozi mu bya roho n'abayoboze b'amadini atandukanye ndetse n'abantu bose b'umutima mwiza. Mbifurije mwese ko uyu mwaka wazabafasha gutera intambwe mu buvandimwe, ubutabera n'amahoro mu bantu, mu miryango mu baturage no mu bihugu byose.

Umwaka wa 2020 waranzwe n'ikibazo gikomeye cy'ubuzima cyatewe na Covid-19, cyabaye icyorezo ku isi hose kikarenga imipaka, maze cyongera ibibazo byari bisanzwe bishamikiranyeho nk' icy'imihindagurikire y'ikirere, ibiribwa, ubukungu n'abimukira, kandi gitera imibabaro n'ingorane zikomeye. Ndazirikana cyane abantu bose babuze ababo, ndetse n'ababuze akazi. Ndashimira kandi abaganga n'abaforomo, abakora n'abagurisha imiti, abashakashatsi, abakorerabushake, aba "omoniye" n'abakozi b'ibitaro n'ibigo nderabuzima bitanze kandi bakomeje kwitanga cyane batitaye ku munaniro kugeza n'aho bamwe bahasiga ubuzima mu mugambi bari bafite wo kuba hafi y'abarwayi, kugira ngo bagabanye imibabaro yabo kandi barokore ubuzima bwabo. Mu kugaragaza ko nishimiye ibikorwa byabo, nongeye guhamagarira abayobozi ba za leta ndetse n'abikorera ku giti cyabo gukora ibishoboka byose mu kubona urukingo rwa Covid-19 ndetse n'ikoranabuhanga rikwiye rikenewe mu gufasha abarwayi, abakene n'abanyantegere nke kurusha abandi. [1]

Birababaje ko mu gihe bamwe bakora ibikorwa by'urukundo n'ubufatanye, hari abandi bashyize imbaraga mu kwita ku nyungu z'igihugu cyabo mbere y'ibindi byose, mu ivanguramoko ndetse no kwanga abanyamahanga, intambara n'amakimbirane byose bituma bamwe bapfa ndetse hakabaho n'ibyangirika.

Ibyo bikorwa n'ibindi byaranze inzira ya muntu muri uyu mwaka ushize byatwigishije ko dukeneye kwitanaho bamwe ku bandi ndetse no ku byaremwe kugira ngo tubashe kubaka umuryango ukomeye wa kivandimwe. Ni yo mpamvu mu butumwa bw'uyu mwaka nahisemo insanganyamtsiko igira iti, « **Umuco wo kwita ku bandi nk'inzira igana ku mahoro** ».

Umuco wo kwitanaho bamwe ku bandi nk'uburyo bwo kurwanya umuco wo kwigira ntibindeba gutagaguza no guhangana byiganje muri iki gihe cyacu.

2. Imana, Umuremyi, niyo soko y'umuhamagaro wa muntu wo kwita ku byaremwe

Mu migenzo myinshi nyobokamana harimo inkuru zivuga inkomoko y'umuntu, umubano we n'Umuremyi, n'isi ndetse na bagenzi be. Muri Bibiliya, Igitabo cy'Intangiriro cyerekana kuva ku rupapuro rwacyo rwa mbere akamaro ko kwita ku byaremwe cyangwa kubirinda mu mugambi Imana yari ifite ku bantu. Kirerekana isano iri hagati y'umuntu ('adam) n'ubutaka ('adamah), no hagati yacu nk'abavandimwe. Mu nkuru yo muri Bibiliya ivuga irema, Imana ishyira mu biganza bya Adamu ubusitani "bwatewe muri Edeni" (reba Intg 2, 8), igashinga Adamu "kubuhinga no kuburinda" (Intg 2, 15). Ku ruhande rumwe, ibi bivuze kububya umusaruro, ku rundi ruhande bikaba kuburinda no kubungabunga ubushobozi bwabwo bwo gutunga ubuzima [2]. Inshinga "guhinga" no "kurinda" zisobanura isano ya Adamu n'inzu ye y'ubusitani, ndetse n'ikizere Imana yamugiriye mu kumugira umutware n'umurinzi w'ibyaremwe byose.

Ivuka rya Kayini na Abeli ritangira amateka y'ubuvandimwe, aho isano yabo yumvikana nabi mu maso ya Kayini- mu rwego rwo kurinda cyangwa "kubungabunga". Nyuma yo kwica murumuna we Abeli, Kayini asubiza ikibazo cy'Imana agira ati, "Mbese ndi umurinzi wa murumuna wanjye? (Intg 4, 9). [3] Yego rwose. Kayini ni umurinzi wa murumuna we. "Izi nkuru za kera, zica amarenga, zihama ukwemera dusangiye muri iki gihe, ko ibintu byose bifitanye isano, kandi ko kwita ku buzima bwacu bwite ndetse n'imibanire yacu n'isi bidatandukana n'ubuvandimwe, ubutabera n'ubudahemuka ku bandi". [4]

3. Imana, Umuremyi, urugero rwo kwita ku byaremwe

Ibyanditswe Bitagatifu ntibigaragaza Imana nk'Umuremyi gusa, ahubwo biyerekanako nk'Umuremyi wita ku byo yaremye, ku buryo bw'umwihariko, Adamu, Eva n'ababakomokaho. Nubwo Kayini yavumwe kubera icyaha yakoze, Umuremyi yamushyizeho ikimenyetso kizamurengera, kugira ngo ubuzima bwe burokoze (reba Intg 4, 15). Mu kwemeza icyubahiro kidasubirwaho cy'umuntu waremwe mu ishusho y'Imana no mu isura yayo, iki na cyo cyari ikimenyetso cy'umugambi w'Imana wo kubungabunga ubusabane bw'ibyo yaremye, kubera ko "amahoro adashobora kubangikana n'urugomo". [5]

Kwita ku byaremwe ni byo byabaye ishingiro ry'ishyirwaho rya sabato. Usibye kugena uburyo bwo gusenga Imana, byari binagamije kugarura gahunda y'imibereho no kwita ku bakene (reba Intg 1,1-3; Abalevi 25, 4). Kwizihiza Yubile buri mwaka wa karindwi w'isabato byahagarikaga intambara bigatanga agahenge ku bacakara no kubafite imyenda. Muri uwo mwaka w'impuhwe, abakeneye ubufasha bitabwagaho cyane kandi bagahabwa amahirwe mashya mu buzima, kugira ngo hatabaho umukene mu bantu (reba Ivug 15, 4).

Ikigaragara kandi ni imvugo ya gihanuzi yerekana ko uko abantu bumva ubutabera buvugwa muri Bibiliya byigaragaza mu buryo umuryango ufata abanyamuryango bawo bafite intege nke. Ni yo mpamvu Amosi (reba 2, 6-8; 8) na Izayi (reba 58), basaba bashikamye ubutabera ku

bakene, kubera intege nke zabo n'imbaraga zabo, bumvwa n'Imana yonyine ibitayeho. (reba Zab 34, 7; 113, 7-8).

4. Mu mirimo ye, Yezu yitangira abantu

Ubuzima bwa Yezu n'ubutumwa bwe byerekana ku buryo bukomeye urukundo rwa Data ku bantu (reba Yh 3,16). Mu isengeri ry'i Nazareti, Yezu yerekanye ko ari we wasizwe amavuta na Nyagasani kandi "yoherejwe kugeza inkuru nziza ku bakene, gutangariza imbohe ko zibohowe, n'impumyi ko zihumutse, n'abapfukiranwaga ko babohowe" (Lk 4,18). Ibi bikorwa by'umukiro, bifitanye isano n'umwaka wa Yubile, bihamya neza ubutumwa yahawe na Se. Mu mpuhwe ze, Kristu yegereye abarwayi ku mubiri no kuri roho, arabakiza; yababariye abanyabyaha abaha ubuzima bushya. Yezu ni Umushumba mwiza wita ku ntama ze (reba Yh 10, 11-18; Ezek 34, 1-31). Ni Umusamaritani mwiza waciye bugufi kugira ngo afashe umuntu wakomeretse, apfuka ibikomere kandi amwitaho (reba Lk 10, 30-37).

Ku ndunduro y'ubutumwa bwe, Yezu yatanze gihamya yerekana ko atwitayeho ubwo yitangaga ku musaraba kugira ngo adukure mu bubata bw'icyaha n'urupfu. Mu kwitangaho igitambo, yadukinguriye inzira y'urukundo. Arabwira buri wese muri twe ati "Nkurikira na we ugenze utyo" (reba Lk 10,37).

5. Umuco wo kwita ku bandi mu buzima bw'abigishwa ba Yezu

Ibikorwa by'impuhwe byo ku mubiri no kuri roho byari ishingiro y'ubuntu bwarangaga abakristu ba mbere. Abakristu bo mu gisekuru cya mbere basangiraga ibyo batunze, kugira ngo hatagira n'umwe muri bo ugira icyo akena (reba Intu 4, 34-35). Bihatiye guhindura umuryango wabo urugo rwakira neza, rwita ku byo buri muntu wese akeneye kandi rwiteguye kwita ku bakennye cyane. Byabaye akamenyero ko gutanga amaturo ku bushake hagamijwe kugaburira abakene, gushyingura abapfuye no kugaburira imfubyi, abasaza ndetse n'abazize ibiza nk'impanuka z'ubwato. Mu bihe byakurikiyeho, igihe ubuntu bw'abakristu bwari bumaze gutakaza ishyamba rya mbere, bamwe mu babyeyi ba Kiliziya bashimangiye ko Imana itanga umutungo ngo usangirwe na bese. Kuri Mutagatifu Ambroziyo we ngo, "isi yasutse ibintu byose kugira ngo bikoreshwe na bese... bityo itanga uburenganzira rusange kuri bese, nyamara umururumba utuma biba uburenganzira bwa bake gusa." [6]

Nyuma y'itotetzwa ryabayeho mu binyejana bya mbere, Kiliziya yakoresheje ubwisanzure yari imaze kubona kugira ngo igene imyitwarire ya sosiyete n'umuco wayo. "Ibyari bikenewe muri ibyo bihe byasabye imbaraga nshya mu murimo w'urukundo rwa gikristu. Amateka yagaragaje ingero zitabarika z'ibikorwa by'impuhwe Havutse ibigo byinshi bigamije gukemura ibibazo byose abantu bafite: ibitaro, inzu zifasha abakene, ibigo by'imfubyi, inzu zakira abana, amacumbi y'abagenzi....." [7]

6. Imirongo migari y'inyigisho mbonezamubano za Kiliziya nk'ishingiro ry'umuco wo kwita ku bandi

Igikorwa cyo gufasha abandi cyarangaga abakristu ba mbere, cyanogejwe n'imitekerereze y'ababyeyi ba Kiliziya kandi gisigasirwa mu binyejana byinshi n'urukundo rukomeye rw'abakristu benshi bamurikiwe n'ukwemera, cyaje guhinduka imbarutso y'inyigisho mbonezamubano za Kiliziya. Izi nyigisho zihabwa ababishaka bose nk'umutungo w'ingenzi w'imirongo migari, ibipimo n'ibitekerezo bishobora kwifashishwa nk' "ikibonezamvugo" cyo kwita ku bandi: guteza imbere icyubahiro cya buri muntu, gufatanya n'abakene n'abatagira kivurira, guharanira inyungu rusange no kurengera ibyaremwe.

- **Kwita ku bandi ni uguteza imbere icyubahiro n'uburenganzira bya muntu**

“Igisobanuro cya « muntu », cyaturutse kandi kigatera imbere mu bukristu, gifasha mu gukurikirana iterambere ryuzuye rya muntu. Muntu bivuze kubana, ntabwo ari ukuba nyamwigendaho; muntu yibonamo buri wese, ntawe ashyize ku ruhanda, ntawe yirengagije [8]. Ikiremwa muntu kifitemo impamvu yacyo yo kubaho, ntabwo gihabwa agaciro n'akamaro kacyo. Abantu baremwe kugira ngo babane, mu miryango ndetse no muri za sosiyete, aho bose banganya icyubahiro. Kuri icyo cyubahiro ni ho hashingiye uburenganzira bwa muntu, inshingano z'umuntu, nk'izo kwakira no gufasha abakene, abarwayi, abirengagijwe, buri wese akaba “mugenzi wacu uri bugufri yacu cyangwa kure ahantu aha n'aha no mu gihe icyi n'icyi” [9]

- **Kwita ku nzu rusange**

Ibice byose by'ubuzima, politiki n'ubukungu bigera ku ndunduro yuzuye iyo biharanira inyungu rusange, mu yandi magambo, “ibyangombwa byose byakenerwa kugirango bifashe amatsinda y'abantu cyangwa buri wese ku giti cye, bagera kuri byinshi kandi mu buryo bworoshye”[10]. Kubera iyo mpamvu, gahunda zacu n'imishinga yacu bikwiye guhora bizirikana ingaruka zabyo ku muryango w'abantu bose, kandi tukareba ingaruka zabyo ku bisekuriza biriho ndetse n'ibizaza. icyorezo cya Covid-19 cyatweretse ukuri n'igihe gikwiye by'iki gikorwa. Muri iki cyorezo, “twabonye ko turi mu bwato bumwe, ko twese duciye bugufi kandi twayobye, ariko ko icyangombwa kandi gikenewe kuri twe twese, ari uko twahamagariwe kujya ku murongo hamwe”, [11] kuko “nta muntu wigeza ku mukiro wenyine”[12] kandi nta gihugu na kimwe gishobora guharanira inyungu rusange z'abaturage bacyo niba gikomeje kuba nyamwigendaho[13].

- **Kwita ku bandi binyuze mu bufatanye**

Ubufatanye bugaragaza mu buryo bweruye urukundo dukunda abandi, atari amarangamutima adasobanutse ahubwo ni « icyemezo nyacyo kandi gihanye cyo kwitangira inyungu rusange; ni ukuvuga ibyiza kuri bose no kuri buri muntu, kuko twese dushinzwe buri wese ».[14] Ubufatanye budufasha kubona abandi - baba abantu ku giti cyabo cyangwa, mu buryo bwagutse, nk'abantu cyangwa ibihugu – kurusha kubabona gusa nk'imibare, cyangwa nk'ibintu byo gukoreshwa hanyuma bikajugunywa mu gihe byaba bitagifite akamaro, ahubwo tugomba kubabona

nk'abaturanyi bacu, abasangirangendo, bahamagariwe nkatwe gusangira ibirori by'ubuzima abantu bose batumiwemo n'Imana.

- **Kwita ku byaremwe no kubirengera**

Urwandiko “Laudato Si” rugaragaza ku buryo burambuye ko ibyaremwe byose bifitanye isano. Rwerekana kandi ko dukeneye kumva gutabaza kw'abakene n'ukw'ibyaremwe. Guhora dutega amatwi kandi twitonze bituganisha ku kwita ku isi, inzu dutuyemo twese, ndetse no kwita ku bakene. Nkaba mboneyeho kongera kwerekana ko « kumva ubumwe bwimbitse dufitanye n'ibindi bidukikije bidashoboka niba imitima yacu itarangwa n'ubwuzu, impuhwe no kwita kuri bagenzi bacu » [15] “Amahoro, ubutabera no kwita ku byaremwe ni ibibazo bitatu bifitanye isano, bidashobora gutandukana ku buryo buri muntu yabiharaniye ukwe ku giti cye, ahubwo bisaba ko twese twisuzuma maze tugatahiriza umugozi umwe”. [16]

7. Guharanira kumenya ibyerekezo byatuma tugendera hamwe

Muri iki gihe isi yiganjemo ibihumanya byinshi, yugarijwe n'ubusumbane bugenda bwiyongera haba mu bihugu ndetse no hagati y'ibihugu, [17] ndasaba abayobozi ba guverinoma n'ab'imiryango mpuzamahanga, abayobozi mu by'ubukungu, impuguke zitandukanye, abahanga mu itumanaho n'abarezi, gufata imirongo migari twavuze haruguru nk'« igikoresho kigaragaza icyerekezo » gishobora kwerekana icyerekezo kimwe no kwizeza « ejo hazaza h'ubumuntu » [18] mu gihe isi igenda iba nk'umudugudu. Ibi bizatuma dushobora guha agaciro n'icyubahiro buri muntu, dukorera hamwe mu bufatanye ku nyungu rusange, no gutabara abugarijwe n'ubukene, indwara, ubucakara, amakimbirane, n'ivangura. Ndashishikariza buri wese gufata iki gikoresho kigaragaza icyerekezo mu ntoki no kuba umuhamba n'umuhanuzi by'umuco wo kwita ku bandi, baharanira gukemura ubusumbane bukabije buriho. Ibi nta kundi byazagerwaho hatabayeho uruhare rukomeye rw'abagore, mu muryango ndetse no mu bice byose by'imibereho, politiki n'inzego z'ubutegetsi.

Igikoresho kigaragaza icyerekezo cy'iyi mirongo migari mbonezamubano, gikenewe cyane mu kuzamura umuco wo kwita ku bandi, kinagaragaza ko hakenewe umubano hagati y'ibihugu ushyira imbere ubuvandimwe, kubahana, ubufatanye no kubahiriza amategeko mpuzamahanga. Ni muri urwo rwego, tugomba kumenya ko ari ngombwa kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ibanze bwa muntu, butavogerwa, busa hose ku isi kandi butagabanywa. [19] Ni yo mpamvu byihutirwa kandi ari ngombwa kubahiriza amategeko y'ubutabazi, cyane cyane muri iki gihe amakimbirane n'intambara bikomeje kuba urudaca. Biteye agahinda kuba uturere twinshi n'abaturage batakibasha kwibuka igihe baheruka kubaho mu mahoro batekanye. Imijyi myinshi yabaye indiri y'umutekano muke: abaturage baharanira gukomeza gahunda zabo zisanzwe imbere y'ibitero bitabarika byitwaje imbunda, iziremereye n'intwano nto. Abana ntibagishobora kwiga. Abagabo n'abagore ntibagishobora gukora kugira ngo batunge imiryango yabo. Inzara irakwirakwira ahantu hatari harigeze hasonza. Abantu barahatirwa guhunga, badataye gusa ingo zabo ahubwo n'amateka y'umuryango wabo hamwe n'inkingi z'umuco wabo.

Mu gihe amakimbirane nk'aya afite impamvu zitandukanye, ibiyavamo byo bihora ari bimwe: gusenyana n'ibibazo by'ubutabazi. Tugomba gufata umwanya maze tukibaza icyatumye isi yacu

isigaye ibona amakimbirane nk'ikintu gisanzwe, n'uburyo imitima yacu n'imitekerereze yacu bishobora guhinduka, kugira ngo duharanire amahoro nyayo mu bufatanye n'ubuvandimwe.

Ni ubutunzi bungana iki butagaguzwa mu gushaka ntwaro, cyane cyane intwaro za kirimbuzi, [20] bwagakwiye kuba bukoreshwa mu bikorwa by'ingenzi nko guharanira umutekano w'abantu, kwimakaza amahoro n'iterambere ryuzuye rya muntu, kurwanya ubukene, no kwita ku buzima! Bimwe mu bibazo byugariye isi nk'icyorezo cya Covid-19 n'imihindagurikire y'ikirere na byo birabigaragaza. Mbega uburyo cyaba ari icyemezo cy'ubutwari “gushinga 'ikigega mpuzamahanga; kiyamo amafaranga yagakoreshejwe mu ntwaro no mu bindi bikorwa bya gisirikare, hagamijwe guca inzara burundu no gufasha ibihugu bikennye gutera imbere”! [21]

8. Gutoza umuco wo kwita ku bandi

Iterambere ry'umuco wo kwita ku bandi ni urugendo ruhoraho kandi rwo kwihugura. icyerekezo cy'imirongo migari mbonezamubano gishobora kuba ingenzi ndetse no kwizerwa ku buryo butandukanye. Kuri icyo ngingo reka ntange ingero nke:

- Kwigisha abantu kwita ku byaremwe bitangirira mu muryango, urwego rusanze kandi rw'ibanze rwa sosiyete, aho twiga kubaho no kubana n'abandi mu bwubahane. Ibyo bisaba ko imiryango ihabwa imbaraga kugira ngo ikore iki gikorwa cy'ingenzi kandi cy'ingirakamaro.

- Umuryango, amashuri na kaminuza – ndetse n'itangazamakuru mu buryo bumwe na bumwe – na byo bishinzwe ubwo burezi. [22] Bihamagariwe gutanga umuyoboro w'indangagaciro zishingiye ku kumenya icyubahiro cya buri muntu, buri rurimi, amoko n'amadini ndetse na buri muryango, ndetse n'uburenganzira bw'ibanze bubishingiyeho. Uburezi ni imwe mu nkingi ya mwamba muri sosiyete ndetse no mu buvandimwe.

- Amadini muri rusange, n'abayobozi b'amadini by'umwihariko, bashobora kugira uruhare rukomeyemu kwigisha abayoboze bayo, ndetse na sosiyete mu buryo bwagutse, indangagaciro z'ubufatanye, kubaha ubudasa, no kwita ku bavandimwe bacu bakeneye ubufasha. Hano, ndibutsa amagambo Papa Paul wa VI yabwiye Inteko ishingama amategeko ya Uganda mu mwaka w'1969, ati “Mwitinya Kiliziya: irabubaha, itoza abaturage banyu kuba inyangamugayo n'indahemuka, ntiteza amakimbirane n'amacakubiri, irashaka guteza imbere ubwisanzure buzira umuze, ubutabera n'imibereho myiza. Niba hari icyo ikunda cyane, ni ukwita ku bakene, uburezi bw'abana bato ndetse n'abaturage, kwita ku bababaye n'abatereranywe”. [23]

- Nongeye gushishikariza abantu bose bakorera rubanda mu miryango mpuzamahanga, yaba iya leta n'iyigenga, abagira uruhare mu buryo butandukanye mu bijyanye n'uburezi n'ubushakashatsi, guharanira kugera ku “burezi bufunguye kandi budaheza, burimo gutega amatwi ubutarambirwa ibiganiro byubaka ndetse n'ubwumvikane”. Sinshidikanya ko ibyo nsaba aha ngaha, biramutse bikozwe mu rwego rw'amasezerano mpuzamahanga ku burezi, byakumvikana henshi ku isi kandi bikemerwa.

9. Nta mahoro yabaho hatabayeho umuco wo kwita ku bandi

Umuco wo kwita ku bandi urangwa n'ubwitange rusange, bwa bundi bushyigikira kandi butagira uwo buheza mu kurinda no guteza imbere icyubahiro n'ibyiza bya buri wese, ubushake bwo kwita ku bandi no kubagirira impuhwe, guharanira ubwiyunge no gukira, no guteza imbere

kubahana no kwakirana ni wo nzira yihariye igana ku mahoro. “Mu bice byinshi by’isi, hakenewe inzira z’amahoro ziganisha ku gukira ibikomere. Hakenewe kandi abaharanira amahoro, biteguye gukora bashize amanga kandi bahanga udushya kugira ngo batangire inzira yo gukira no guhura bundi bushya”.

Mu bihe nk’ibi ubwato bwacu buhungetwa n’umuhengeri w’ibibazo by’ubu, burwanira kujya mbere bugana ahatuje kandi hatekanye, nidufate icyubahiro cya muntu nk’ “ingashyi”, n’inyigisho mbonezamubano za Kiliziya nk’ “igikoresho cyerekana icyerekezo” maze dufatanye mu kugashya ubwato bwacu mu nzira imwe kandi yizewe. Nk’abakristu, dukwiye guhora twiyambaza Bikira Mariya, Inyenyeri iboneshereza abari mu nyanja, Umwamikazi w’abizera. Reka dufatanye gutera imbere tugana ku cyerekezo gishya cy’urukundo n’amahoro, ubuvandimwe no gutahiriza umugozi umwe, gufashanya no kwakirana. Ntituzigere na rimwe duha urwaho ibishuko byo kwihunza abandi, cyane cyane abanyanteye nke, no kwihunza kubona abandi; [26] ahubwo, reka duharanire buri muni, mu buryo bufatika, “gushinga umuryango ugizwe n’abavandimwe bakirana, twitanaho bamwe ku bandi”. [27]

Bikorewe i Vatikani, ku wa 8 Ukuboza 2020

Papa Fransisko

IBITABO BYIFASHISHIJWE

- [1] Cf. Vidéomessage à l'occasion de la 75ème Session de l'Assemblée Générale des Nations Unies, 25 septembre 2020.
- [2] Cf. Lett. enc. Laudato si' (24 mai 2015), n. 67.
- [3] Cf. "Fraternité, fondement et route pour la paix", Message pour la 47ème Journée Mondiale de la Paix 1er janvier 2014 (8 décembre 2013), n. 2.
- [4] Lett. enc. Laudato si' (24 mai 2015), n. 70.
- [5] Conseil Pontifical Justice et Paix, Compendium de la Doctrine sociale de l'Église, n. 488. [6] De officiis, 1, 28, 132 : PL 16, 67.
- [7] K. Bihlmeyer-H. Tüchle, Church History vol. 1, Westminster, The Newman Press, 1958, pp. 373, 374.
- [8] Discours aux participants au Congrès organisé par le Dicastère pour le Service du Développement humain Intégral à l'occasion du 50ème anniversaire de l'Encyclique "Populorum progressio" (4 avril 2017).
- [9] Message à la 22ème Session de la Conférence des États Parties à la Convention-Cadre des Nations Unies sur les Changements Climatiques (COP 22), (10 novembre 2016). Cf. Table Ronde Interdicastérielle du Saint Siège sur l'Écologie Intégrale, En chemin pour le soin de la maison commune. Cinq ans après Laudato si', LEV, 31 mai 2020.
- [10] Conc. Oecum. Vat II, Const. past. Gaudium et spes, n. 26.
- [11] Moment extraordinaire de prière en temps d'épidémie, 27 mars 2020.
- [12] Ibid.
- [13] Cf. Lett. Enc. Fratelli tutti (3 octobre 2020), nn. 8.153.
- [14] S. Jean-Paul II, Lett. enc. Sollicitudo rei socialis (30 décembre 1987), n. 38. [15] Lett. enc. Laudato si' (24 mai 2015), n. 91.

[16] Conférence de l'Episcopat Dominicain, Lett. past. Sobre la relación del hombre con la naturaleza (21 janvier 1987) ; cf. Lett. enc. Laudato si' (24 mai 2015), n. 92.

[17] Cf. Lett. enc. Fratelli tutti (3 octobre 2020), n. 125.

[18] Ibid., n. 29.

[19] Cf. Message aux participants à la Conférence internationale "Les droits humains dans le monde contemporain : conquêtes, omissions, négations", Rome, 10-11 décembre 2018.

[20] Cf. Message à la Conférence des Nations Unies pour la négociation d'un instrument juridiquement contraignant visant à interdire les armes nucléaires en vue de leur élimination complète, 23 mars 2017.

[21] Message vidéo à l'occasion de la Journée Mondiale de l'Alimentation 2020, 16 octobre 2020.

[22] Cf. Benoît XVI, "Éduquer les jeunes à la justice et à la paix", Message pour la 45ème Journée Mondiale de la Paix 1er janvier 2012 (8 décembre 2011), n. 2 ; "Gagne sur l'indifférence et remporte la paix", Message pour la 49ème Journée Mondiale de la Paix 1er janvier 2016 (8 décembre 2015), n. 6.

[23] Discours aux Députés et aux Sénateurs de l'Ouganda, Kampala, 1er août 1969. [24] Message à l'occasion du lancement du Pacte Éducatif, 12 septembre 2019. [25] Lett. enc. Fratelli tutti (3 octobre 2020), n. 225.

[26] Cf. Ibid., n. 64.

[27] Ibid., n. 96 ; cf. "Fraternité, fondement et route pour la paix", Message pour la 47e Journée Mondiale de la Paix 1er janvier 2014 (8 décembre 2013), n. 1.